


# IGICUMBI MAGAZINE

**Umurage Wacu** Group

No. #2| Ukwakira—Ukuboza 2024 | www.igicumbi.com |

## 2024, MTN Iwacu Muzika Festival




Kuva tariki 31 Kanama kugeza tariki 19 Ukwakira 2024, abakunzi b'umuziki hirya no hino mu Gihugu bari mu buryohe bw'ibi bitaramo bitegurwa na Sosiyete ya East African Promoters n'abafatanya-bikorwa bayo barimo MTN Rwanda na Primus ,….32

## 5 things to know about Nairobi…P18



## Botswana et ses sites inscrits au patrimoine Mondial de l'unesco…….P19



# ABOUT US

## Umurage Wacu Group

It is social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

### Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

### Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African's Heritage.

### Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

## www.igicumbi.com

Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.

Publishes articles in 4 languages ( Kinyarwanda, French, English and Kiswahili),

A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.

The 1st website to find information's and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

## Igicumbi Magazine

Online and Printed Magazine

Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)

Distributed in libraries, cultural centers,…

Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

# Inama

## Impamvu zituma udacika intege mu buzima!

**Amezi atatu asoza umwaka ntabwo aba yoroshye ku muntu watangiye umwaka afite imishinga, ibyifuzo by'umwaka aba arimo. Niyo mpamvu twabahitiyemo kubaha inama zatanzwe n'umwanditsi, umuhanzi, umuganga, uzwi nka Tom Close.**



**1.impamvu yo kubaho kwawe iraremereye kurusha ibibazo byose bikubangamiye uyu munsi.**

**2.Abo wibwira ko bameze neza nabo bakubwiye ibyabo wasanga ibyo wowe ufite, wita ibibazo bishobora kwihanganira cyangwa gukemuka.**

**3.Ibihe bihora bisimburana, nta bihe bibi bihoraho, nta n'ibyiza bihoraho. Ejo hazakuzanira andi mahirwe azagufasha gukemura ibikubangamiye uyu munsi.**

**4.Hari igihe ibibazo biba ariyo mahirwe ari butume wishakamo imbaraga zidasanzwe nawe ubwawe utari uzi ko wifitemo. Fata umwanya muto utekereze ku kibazo ufite, utekereze uburyo nka butatu wagikemuramo, hanyuma bumwe muri bwo ubushyire mu bikorwa.**

**5.Gusitara ni ikimenyetso cy'uko urimo kugenda. Abaguye cyangwa abaryamye ntibasitara. Ikande aho usitaye, ubundi ukomeze ugende wirinde kongera gusitara aho wasitaye mbere.**

**Imvano:**

**Eternite(Isimbi n'Ifoto)**

# AMATEKA

## Ingoma Ngabe, ikirango cy'u Rwanda rwo hambere.

**" Mu Rwanda rwo hambere,ikirango cy'igihugu cyari Ingoma-Ngabe"**

**Ingoma-Ngabe ni yo yari Ibendera ry'igihugu,akaba ari na yo yari Nkuru imbere y'umwami n'Umugabekazi.Umurimo wayo ukaba wari uwo kwimika Abami no guhuza Umwami na Rubanda.Icyo twakwibutsa ahangaha,ni uko mu Rwanda rwo hambere habagaho ingoma z'amoko atandukanye.Habagaho:Ingoma z'imivugo arizo zarimo "Ingoma z'imisango n'ingoma z'imihango"n'Ingoma-Ngabe,ariyo yari ibendera ry'igihugu.**




**Ingoma z'Imisango zari izo kwizihiza ibirori by'I bwami,zikanaherekeza Umwami mu irambagira ry'igihugu,nizo zabikiraga zikanabambura Umwami.**

**Ingoma z'Imihango zo zari zigenewe kuvuzwa mu mihango y'Ibwami nyine nkuko iboneka mu bwiru.Imwe mu mihango yavugirizwagamo ingoma ni nk'umuhango wo gukura Gicurasi,imihango y'imiterekero,imihango y'umuganura,imihango yo gufukura amariba,kugangahura,kuvuna ibyonnyi n'ibindi.**

**Icyo twabibutsa ni uko Ingoma-Ngabe itari ingoma nk'izindi twavuze haruguru,kuko yo ntiyavuzwaga,ahubwo izindi zarayivugirizwaga zikayitaramira nk'uko zataramiraga umwami Nyirigihugu.Ikindi kandi ni uko yaramvurwaga mu biti bitandukanye n'iby'izindi ngoma z'imivugo.Ingoma-Ngabe zabayeho mu Rwanda rwo hambere ni izi zikurikira:**

**1.Ingoma-Ngabe Rwoga**

**Gihanga akimara kwima ingoma,I kirangabwami cye cyari "Inyundo"**yakomeje kwitwa **"inyundo ya Gihanga"** mu mateka karande y'u Rwanda na Nyamiringa:Urusengo rwa Gihanga.

**Nyuma iyo ndangabutegetsi ya Gihanga yaje gusimburwa n'Ingoma-Ngabe "RWOGA"**ari na yo ngoma ya mbere ndangabwami y'Abanyiginya.Aha twakwibutsa ko,Ingoma-

Nyiginya yari itetse mu Rwanda rugari rwa Gasabo ari na ho hari umurwa mukuru wayo. **Nyamara ariko na nyuma y'aho Rwoga ibereye Ingoma-Ngabe,Inyundo na Nyamiringa ntibyibagiranye burundu,ahubwo byakomeje kugira uruhare mu iyimikabami no mu yindi mihango.Nk'iy'umuntu yacishwaga urusengo,ntiyashoboraga guhirahira ngo agaruke I Rwanda,ariko iyo yacishwaga ingoma,igicibwa cyangwa se urubyaro rwa cyo,bashoboraga kuzagaruka I Rwanda.**

**Ubwo Umwami w'I Bunyabungo,Nsibura I Nyebuga ateye u Rwanda akarwigarurira Ku Ngoma ya Ndahiro Cyamatare mu w 1477,yanyaze ingabe Rwoga,iyayo "Cyimumugizi"Gitandura(yari Ingabekazi) ayibundisha mu Rutaka rwa Muhanga hafi y'umudugudu wa Gitarama.Aho Ruganzu Ndoli yimiye mu 1510,Rwoga yari yaranyazwe n'umunyabungo Nsibura Nyebuga,Abiru bayisimbuza indi ngoma .nshyashya "NANGAMADUMBU"** yari isazwe ari indamutsa ya Ruganzu Ndoli.

## Misiyoni 12 za mbere zubatswe mu Rwanda




**Abapadiri bera bakandagije ikirenge cyabo ku butaka bw'u Rwanda tariki ya 24 Gashyantare 1878. Kiliziya Gatolika ifite abayoboke benshi mu Rwanda, ikaba ari iya mbere yazanye imyemerere ya Gikirisitu mu banyarwanda.**

**Mu mwaka w'I 1894, hashizwe Vicariyati ya Nyanza itandukanyijwe na Victoria-Nyanza, maze u Rwanda ruba igice gishya cya Kiliziya Gatorika gishingwa Musenyeri Livinhac.**

**Tariki ya 12 Ugushyingo 1897, Musenyeri Hirth yageze mu gace ka Katoke( Tanzania ) ategurwa kuzaza mu Rwanda. Tariki ya 15 Nzeri 1899,nibwo Musenyeri Hirth batangiye urugendo, Tariki ya 2 Gahyantare 1900 nibwo Musenyeri Hirth na Padiri Brard, Paul Barthelemy na Frere Anselme bageze mu Rwanda bakirwa n'umwami Yuhi V Musinga.**

**Abamisiyoneri bera baje baherekejwe n'ababasemurira bari bavuye mu bihugu cya Tanzania. Zatangiye zitwa Misiyoni nyuma zigenda zitwa Paroise ariyo mazina azwi ubu.**

## 1. Misiyoni ya save

Misiyoni ya Save yashinzwe tariki ya 8 Gashyantare 1900. Iragizwa Umutima Mutagatifu wa Yezu. Mu mwaka wa 1905 nibwo babashije kubaka bakoresheje ibikoresho bikomeye.

## 2. Misiyoni ya Zaza



**Misiyoni ya Zaza**

Misiyoni ya Zaza yashinzwe tariki ya 1 Ugushyingo 1900

Kiliziya ya Nyundo yashinzwe Tariki ya 25 Mata 1901, ni Kiliziya iherereye ahahoze hitwa mu Bugoyi, agace kari karigometse ku mwami Yuhi V Musinga , mu nyandiko zivugako umwami yahahaye abapadiri kubera atari ahishimiye.

## 3. Misiyoni ya Nyundo

Yatangiye yitwa Vicariat Apostolique de Nyundo, umuyobozi wayo wa mbere ni Musenyeri Aloys Bigirumwami, akaba ariwe Musenyeri wa mbere w'umwirabura muri Afurika Mbirigi (Congo,Rwanda-Urundi).

Aloys yimitswe nk'Umwepisikopi tariki ya 1 Kamena 1952. Mu mwaka wa 1959 nibwo yahinduye izina, iva kuri Vacariat ya Nyundo ihinduka Diyosezi ya Nyundo. Ubu iherereye mu Murenge wa Nyundo, Akarere ka Rubavu mu ntara y'Amajyaruguru.

## 4. Misiyoni ya Rwaza

Misiyoni ya Rwaza yashinzwe tariki ya 20 Ugushyingo 1903.

## 5. Misiyoni ya Mibirizi

Misiyoni yashinzwe tariki ya 20 Ukuboza 1903, ishingwa n'umupadiri wera witwa Kiruni. Ni umupadiri waje aturuka mu majyepfo y'u Rwanda ahageze abona ni ahantu heza cyane. Ubu iri mu mudugudu wa Mibirizi, Akagari ka Karemereye, Umurenge wa Gashonga, Akarere ka Rusizi mu ntara y'Uburengerazuba.

## 6. Misiyoni ya Kabgayi

Misiyoni ya Kabgayi yashinzwe tariki 20 Mutarama 1906,

## 7. Misiyoni ya Rulindo

Misiyoni yashinzwe tariki ya 26 Mata 1909,

## 8. Misiyoni ya Murunda

Misiyoni ya Murunda yashinzwe tariki ya 17 Gicurasi 1909

## 9. Misiyoni ya Kansi

Misiyoni ya Kansi yashinzwe tariki ya 13 Ukuboza 1910.

## 10. Misiyoni y'Umuryango Mutagatifu (Sainte Famille) ya Kigali.

Misiyoni ya Ste Famille yahinzwe 24 Ukwakira 1913. Yatangiye yitwa Misiyoni y'umuryango Mutagatifu ishingwa n'abapadiri bera; Padiri Max Theodor Franz Donders, Padiri Xavier Zumbiehl na Furere Alfred Bruder, ari na bo bayiyoboye kugeza mu mwaka wa 1923. Umupadiri w'umunyarwanda wayiyoboye bwa mbere ni Aloys Bigirumwami. Iri jambo "Misiyoni" ryaje gusimbuzwa "Paruwasi" guhera ku itariki ya 10/11/1959.




## 11. Misiyoni ya Rambura

Misiyoni ya Rambura yashinzwe mu mwaka wa 1913, iragizwa Bikira Mariya Umwamikazi w'Amahoro Regina Pacis), ishingwa n

Abapadiri bera bashinze amahema yabo ku musozi wa Kibihekane. Ni mu karere kitwaga Ubushiru.

## 12. Misiyoni ya Rwamagana

Misiyoni ya Rwamagana yashinzwe tariki ya 5 Gashyantare 1919, ishingwa na Musenyeri Yohani Yosefu Hiriti, iragizwa Bikira Mariya Umwamikazi w'imitsindo. Padiri Lewo Delmasi wari Padiri Mukuru muri Misiyoni ya Kigali (Ste Famille) yatumwe kurambagiza Ubuganza maze atanga raporo yatumye Musenyeri Hiriti afata icyemezo cyo gushinga Misiyoni ya Rwamagana.

# Ubukerarugendo

## Gusura Ingoro Ndangamurage ya Kandt #KandtHouse Museum.

Ingoro ndangamurage izwi ku izina ryo kwa Kandt, ni inzu y'umudage Richard Kandt yagizwe ingoro ndangamurage mu mwaka wa 2004 yari Natural History Museum nyuma tariki ya 17 Ukuboza 2017 iba Kandt House Museum). Ni inzu yo mu gihe cy'abakoroni.




Richard kandt yari umuganga, umushakashatsi, umusirikare, yaje muri Afurika aje gushakisha isoko y'uruzi rwa Nili.Yaje mu Rwanda mu mwaka 1898 aturutse I Burundi, yakirwa n'umwami, yatuye I Shangi (Nyamasheke). Yavumbuye isoko ya Nili mu mwaka 1897, yapfuye tariki ya 29 Mata 1918 mu Bitaro bya Gisirikari I Nuremberg. Inshuti ye magara yari umwanditsi Richard Voss.Ingoro iherereye mu Akagari ka Kora, Umurenge wa Gitega, Akarere ka Nyarugenge, umujyi wa Kigali.

## Impamvu ukwiriye kujyayo

Hari impamvu ukwiriye kujyayo, ni ugusura Ingoro Ndangamurage ya Kandt, inzu ibitse amateka y'abanyarwanda n'u Rwanda muri rusange. Ni ingoro iri mu mirage y'igihugu kuva mu mwaka wa 2024.

## Uko wahagera

Ingoro ndangamurage iherereye mu cyahafi, hirya gato ya ha hoze gereza ya 1930.

Wagenda n'imodoka, moto, igare ndetse n'amaguru.

Downton-kuri Gereza ya 1930-Kandt Museum

Nyamirambo-Downtown-Kuri Gereza ya 1930-Kandt Museum

Nyabugogo-Downtown-Kuri Gereza ya 1930-Kandt Museum

Remera-Downtown-Gereza ya 1930-Kandt Museum

Kimironko-Downtown-Gereza ya 1930- Kandt Museum.

## Ibyo wasura

1.Inzu igaragaza ibice bitandukanye by'amateka y'u Rwanda n'abanyarwanda mbere y'umwaduko w'abazungu mu Rwanda, mu gihe cy'ubukoroni ndetse n'amateka y'abazungu mu gihugu.

2.Ingoro igaragaza amateka n'umwanduko wa bazungu mu Rwanda no mu karere.

3.Kureba inyamaswa z'ibikurura nda; harimo impiri, inshira,..

4.Inzu yo mu gihe cy'abakoroni, imbyubakire y'inzu zigezweho mu Rwanda.

5.Ikibumbano cye bahashyize.

6. Gusura urugo rw'umuntu wagize Kigali umurwa Mukuru w'Abadage mu Rwanda mu 1907.

7. Kumenya igitabo yanditse Caput Nili

8.Kumenya amateka y'umukoroni, wabaye Guverineri wa mbere w'umunyamahanga mu Rwanda.

9.Kumenya ingendo yakoze muri Afurika y'uburasirazuba (German East Africa).

## Ibintu wakwitwaza

Ikaramu n'urupapuro,

Amazi yo kunywa.

Camera

Telefone.

Amafaranga yo kugura ibyo kurya no kunywa (cyangwa ukabitwara)

Ibyangombwa (Indangamuntu, Mutuelle).

## Igihe wagirayo

Igihe cyose ushaka wasura ingoro Ndangamurage ya Kandt.

Kuva kuwa mbere kugeza ku cyumweru.

## Aho warira




Ni hafi yo mu mujyi, warira mu maresitora atandukanye; Coffe Shop, Bar, Restaurant na Hoteli. Bitewe n'ubushobozi bwawe wabona aho wafatira amafunguro .

Bar Crystal irimu Gakiriro, imwe muri Bari ziri hafi aho.

## Aho wacumbika

Ni hafi yo mu mujyi wabona ahantu ho gucumbika heza kandi ku bushobozi bwa buri wese.

## Ibindi bihegereye wasura

1.Ishyamba

2.Agakiriro ko mu mujyi

3.Aha hoze gereza ya 1930

4.Nyarugenge Market

5.Cyahafi Modern Village.

6. Gutembera mu Cyahafi

## Urwibutso rwo gutahana

Ni byiza kwibuka gutahana ibintu bizakwibutsa urugendo wakoreye mu Ngoro Ndangamurage ya Kandt. Ni ukugura ibintu bikorerwa mu Rwanda bicuruzwa aho ngaho, kujya guhaha mu isoko rya Nyarugenge,.

## Ibintu 10 wamenya ku kibumbano cya Hands Monument



**Ikibumbano cyizwi nka Hand Monument cyo Kurwana Ruswa (Anti-Corruption Monument ) kiri mu busitani bwa KCC (Kigali Convention Center) mu Akagari ka Rugando, umurenge wa Kimihurura, akarere ka Gasabo, mu mujyi wa Kigali.**

## Dore ibintu 10 wamenya kuri iki kibumbano

**1. Ikibumbano Hands gifite m 12 z'uburere.**

**2. Ikibumabo Hands cyakozwe n'umunyabugeni w'umububyi w'umunya Iraki; Ahmed Al Barani**

**3.Ikibumbano Hands kigaragaza ikiganza gifite intoki zirambuye gisobantura ko intoki zera, Oya kukugira nabi. Iminyururu 186 isobanura ibihugu bya United Nations Convention Against Corruption**

**4. Ikibumbano Hands giherereye mu busitani bwa Convention Center**

**5.Ikibumano Hands cyafunguwe tariki ya tariki ya 9 Ukuboza 2019 mu gihe cy'inama ya 4 ya International Anti-Corruption Excellence Awards**

**6.Ikibumbano Hands cyafunguwe ku mugaragaro na Perezida Paul Kagame na Sheikh Tamin Al-Thani (Emir wa Qatar)**

**7. Ikibumbano Hands cyishyuwe na Leta ya Qatar mu kugikora**

**8. Ni ikibumbano cyashyizwe mu Rwanda mu rwego rwo kumva politiki yo kurwanya ruswa ya Leta y'u Rwanda, gukorera mu mucyo.**

**9.Ikibumbano cyanditseho amagambo ya Emir wa Qatar ashimira abanyarwanda na Perezida wabo.**

**10. Ikibumbano cyakozwe mu gihe cy'amezi abiri.**

# UMUCO

## Imiziririzo:muntu n'Ihene

Umuntu uguze ihene n'undi, iyo bamaze kugura bareba ikiziriko cyayo bakakigabana .Impamvu ni ukugirango iyo hene izororoke, kandi bombo bazatunge.

Umuntu iyo yonewe n'ihene, maze akifuza ko nyirayo atayitunga, ukundi, ajyana ihene, igihe



ayigejeje iruhande rw'ikigega, akayiterura, akayereka mu kigega agira ngo:"Nabuze icyo nkurisha "(umutsima) iyo hene ntirara idapfuye.

Umuntu utunze ihene ntiyakwishima ngo agire ngo afite ihene y'imbyeyi, kuyishimira byatuma atazagera igihe atunga inka.

Ihene y'inyagazi iyo yuriye inzu bayica amatwi kuko iba ikunguye

Umuntu ushaka guhindura ihene ibyara amasekurume gusa, bayikubita igisura ngo ntizongere kubyara amasekutume ukundi.

Umuntu ufite isekurume y'ihene iyo agirango ayice ,abanza kuyitereza inzuzi ,iyo ziteze aragenda agatambika isekuru mu bikingi by'amarembo akayitambuka ,yamara kuyitambuka ,ihene akayikubita ubuhiri ku gakanu ngo "Ubonye iriya nyana y'imbwa ngo iranga ingoma ".Icyo gihe ibyo kwirabura kw'inzuzi ntibigire icyo bitwara.

## Umuntu n'Undi Muntu

1. Umuntu azira kurya abyina, kuba ari ugukenya bene nyina

2. Umuntu iyo ashatse kuvuga undi muntu akavugishwa, akavuga undi adashaka kuvuga, arongera akarisubiramo, ngo nawe arakavugwa.Iyo atamusubiye mu izina ngo amuvuge, kuba ari ukumukenya

3. Iyo umuntu arya maze agakorwa agakorora, ngo avuzwe n'umuntu umukunda, kandi ngo amuvuze neza.Naho iyo akozwe atarya,ngo aba avuzwe n'umwanzi kandi ngo aba amuvuze nabi

4.Umuntu azira gutera undi ingata cyangwa ikibo,kuba ari ukumusurira gupfa atabyaye, abyara abakobwa gusa.Ikibimara ntibigire icyo bitwara (kubizirura ),uwateye ingata cyangwa

se ikibo,areba agate kose abonye akakamutera agira ngo “Nguteye abana benshi “

5. Umuntu azira gusukira undi amazi atayanyujije mu nkondo y’uruho, ngo kuba ari ukumusurira kuzacika nka yo

6. Umuntu ntiyakura undi uruvi ngo arumwereke, ngi rwamukenya, ndetse rutuma ahuma ntabone

7. Umuntu azira guhereza undi ikintu agicishije mu mugongo, ni ukwiteranya nawe bakangana rwose

8. Umuntu azira gutera undi imbuto (semence), ngo ni ukumutera kunanuka akazingama

9. Umuntu uzi gucuranga iyo ashaka kubyigisha mugenzi we, amukarabira mu ntoki akabimenya adatinze

10. Umuntu urumwe n’umusazi ngo nawe arasara.Nicyo gituma birinda cyane abasazi ngo batabaruma.

11. Umuntu urumwe n’umuntu usambagurika agiye gupfa, ngo nawe arapfa ntakabuza .Nicyo gituma birinda kwegera umuntu ugiye gupfa ngo atabaruma..

12. Umuntu amara kugura n’undi imyaka, akamugarurira ku rushyi agira ati :”urahinge weze “ byitwa ko umuhaye imbuto zo guhora yeza

13. Umuntu azira gukora kuri Mwishywa we ntacyo amuhaye icyo aricyo cyose,iyo ntacyo amuhaye ngo arwara isusumira

14. Umwishywa ntiyajya mu rutoki rwa Nyirarume ngo acemo urukoma, ngo rwacika,

15. Umwishywa ntiyarunguruka mu Kigega cya Nyirarume,ngo cyasaza kitigeze cyuzura

16. Umwishwa ntatiririkanya na Nyirarume imyambaro, ngo biba ari ukwitera ubukene (ubuvukanyi cyangwa se ubutindi )

17. Umwishywa azira kugera buriri bwa Nyirarume, ntiyaburaraho,ngo biba ari ukumusurira nabi bikamukenya

18. Umwishywa ntiyagera mu kiraro cy’inyana za Nyirarume,ngo zapfira gushira,kereka iyo bamuhereyemo amata akayanyweramo,ubwo ntibigira icyo bitwara


19. Umuntu iyo ahawe ikiremve na Nyirarume akakirya , ngo ashirira amenyo.

20 .Umuntu ukunda gutamira igikumwe ngo aba akenya Nyirarume

# AFURIKA

## Rwanda-Uganda-Kenya; imirage y'isi kamere iri muri ibi bihugu





Imirage kamere y'Isi ni bimwe mu bintu byiza bitangaje biboneka mu bihugu bitatu;Rwanda-Uganda-Kenya biherereye muri Afurika y'uburasirazuba. Ni imirage yashyizwe ku rwego rw'isi mu bihe bitandukanye bitewe n'akamaro iyo mirage ifitiye ibyo bihugu, umugabane w'afurika ndetse n'isi muri rusange.

### Nyungwe National Park (Rwanda)

Pariki y'igihugu ya Nyungwe yashyizwe mu mirage y'isi muri Nzeri 2023, ni umwe mu mirage ya mbere u Rwanda rwagize. Ni pariki iherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda rikora ku turere twa Nyamasheke, Rusizi n, Karongi na Nyamagabe.



Ifite ubuso bwa Km$^2$ 1,019, ishyamba ribamo ibiti by'amoko agera ku 1068, amoko y' inyamaswa z'inkende agera kuri 12, inyoni zigera kuri 300, inyamaswa z'inyamabere zigera kuri 85, ibikururanda, umugezi wa Rukarara ufata isoko muri iri shyamba ,..,rihana imbibe na Pariki ya Kibira mu Burundi.

Mu mwaka wa 1933 yabaye Icyanya cy'ishyamba( Nyungwe Forest Reserve) ku bukoroni bw'Ababiligi. Yabaye Pariki y'igihugu mu mwaka wa 2004, mu mwaka wa 2020 ku bwumvikane bwa Rwanda Development Board hamwe na African Parks mu gucunga iyi pariki mu gihe cy'imyaka 20.

Ni ishyamba rifatwa nk'isoko y'imvura muri Afurika, bituma ritanga amasoko y'amazi menshi mu nzuzi zikomeye muri Afurika; uruzi rwa Nili mu burengerazuba n'uruzi rwa Congo mu burengerazuba.


## Rwenzori National Park (Uganda)

Park y'Igihugu ya Rwenzori yabaye umurage w'isi mu mwaka 1994, ni pariki ifite ubuso bwa $Km^2$ 1000 igizwe n'uruhererekane rw'imisozi izwi nka Rwenzori Mountains harimo umusozi uzwi witwa Mount Stanely,ifite ibimera n'ibinyabuzima ku butumburuke butandukanye.

Ni Pariki iri mu ruhererekane rw'imisozi hagati ya Uganda na RDC mu burengerazuba bwa Uganda, rikora ku turere twa Kasese, Kabarole na Bundibugyo.

Akanunga karere mu ruhererekane rw'iyo misozi ni Margherita Peak (Mount Stanely) gafite uburebure bwa metero 5,109, bituma iba umusozi wa gatatu mu burebure muri Afurika. Ni ahantu hari ishyamba ririmo imvura nyinshi, ibimera n'inyamaswa nka African Elephants, Inkende, Inyoni zigera ku moko 80, harimo nka RwenzoriTuraco, habonekamo na Rwenzori Three-horned Chameleon. Uruhererekane rw'iyo misozi, hari n'abayita Mountains of Moon bishatse kuvuga ngo Umusozi w'Izuba.

## Bwindi Impenetrable National Park (Uganda)




Ni pariki yabaye umurage Kamere w'Isi mu mwaka wa 1994, ni Pariki y'igihugu ifite ubuso bwa $Km^2$ 331, iri mu ruhurirane rw'amashyamba y'imisozi n'ibibaya. Yahawe iryo zina kubera ubwinshi bw'ibiti birimo amoko agera ku 160, byegeranye cyane, ibamo inyamasawa z'inyamabere zigera ku 120, harimo y'ingangi, n'inkende,.. Pariki ikora ku turere twa Kanungu, Kisoro na Kabale, iri ku rubibi rwa Uganda na RDC. Yashyizwe mu mirage y'isi nk'ishyamba rititaweho mu kumvuka ubukungu bw'urusobe rw'ibinyabuzima.



## Mount Kenya National Park (Kenya)

**Umurage Kamere w'Isi w'umusozi wa Kenya, washyizwe mu mirage y'isi mu mwaka wa 1997. Ni umusozi ureshya na metero 5,199. Ugizwe na Twelve glaciers>.**

## Lake Turukana National Park (Kenya).

**Umurage Kamere w'isi w'Ikiyaga cya Turukana, yabaye umurage w'isi mu mwaka wa 1997, izwi nk'ikiyaga kinini muri Afurika muri Saline Lake??? Ni ahantu heza ho kwigira ibyerekeye inyamaswa n'ibimera.**

**Ibamo inyamaswa zizwi cyane nka Nile Crocodile.**

## Kenya Lake System on the Great Rift Valley (Kenya)

**Umurage Kamere w'isi w'Ibiyaga bya Kenya bigize Great Rift Valley, ni ibiyaga bi-tatu; Lake Bogoria, Lake Nakuru na Lake Elementaita. Byashyizwe mu mirage y'isi mu mwaka wa 2011.**

## Inzu ndende muri Afurika




**Afurika ni umugabane wa gatatu mu migabane minini igize isi, ugizwe n'ubutaka n'amazi, bigize umurage ka-mere wa Afurika.**

**Mu nzuzi nini ziboneka muri Afurika zituruka mu bice bitandukanye byose by'umugabane w'Afurika; mu majyaru-guru, amajyepfo, hagati, uburengerazuba n'uburasirazuba.**

**Dore inzuzi ndende muri Afurika:**

## 1. Uruzi rwa Nili

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 6670 , ni uruzi rwa mbere rurerure muri Afurika, rufite ubuso bungana na km$^2$ 3,4 miliyoni. Ni uruzi rwamayobera,rugenda rufata amazina atandukaye kubera aho runyura, rufata isoko yayo mu mashyamba ya Afurika y'uburasirazuba, rugizwe na Nil Blanc na Nil Blue, rwiroha mu Nyanja ya Mediterane.**

**Uruzi rwa Nili ruva mu Rwanda no mu Burundi rugakomeza Uganda,Tanzania, Kenya, Sudan, Sudan y'epfo, Ethiopie, Erithrea na Misiri. Uruzi ruriho ingomero nyinshi zitanga umuriro, rukangira nikibaya kera kubera ifumbire iboneka aho rugenda runyura.**

**Ni uruzi rwafashije mu kuvuka, kubaho ku bivugwa mu mateka ya Misiri (Hatariho Nili, igihugu cya Misiri sicyabaho), kubera urugendo rukora mbere yo kwisuka mu Nyanja, bituma ruza mu nzuzi nini ku isi.**

## 2. Uruzi rwa Congo

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 4700, gifite ubuso bungana na Km$^2$ miliyoni 3,68. Ni uruzi runyura mu bihugu bya RDC, Repuburika ya Congo Brazaville na Zambia, mu majyaruguru ya Zambia (Katanga) niho uruzi rufata isoko, rukisuka mu Nyanja ya Atalatika. Ni uruzi rugabanya imirwa mikuru y'ibihugu bya Afurika yo hagati ariyo Kinshasa na Brazaville.**

## 3. Uruzi rwa Niger

**Uruzi rwa gatatu mu burebure muri Afurika, rufite uburebure bureshya bwa Km 4 184 n'ubuso bwa Km$^2$ miliyoni 2,26. Ni uruzi runyura mu bihugu bitandatu birimo; Nigeria, Niger, Benin, Mali, Guinée na Sierra Léone. Uruzi rwa Niger rwisuka mu Nyanja ya Atalatika. Ni uruzi runyura mu murwa mukuru w'igihugu cya Niger ariwo Niamey.**

## 4. Uruzi rwa Zambezi

**Uruzi rwa kane muri Afurika, rufite uburebure bwa Km 2 574 n'ubuso bwa km$^2$ miliyoni 1,4. Ni uruzi runyura mu bihugu icyenda aribyo; Tanzanie, Malawi, Zimbabwe, Zambie, Mozambique, Namibie, Botswana, Repuburika Iharanira Demokarasi ya Congo na Angola. Ni uruzi rutangaje cyane, rufite umurage w'isi utangaje wa Victoria Falls… uri hagati ya Zimbabwe na Zambia. Uruzi rwa Zambezi rufite ingomero z'umuriro ziruriho zitanga umuriro mu bihugu byinshi, rwiroha mu Nyanja y'Ubuhinde.**

## 5. Uruzi rwa Orange

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 1860 n'ubuso bwa Km$^2$ 973 000, ni uruzi rugenda mu byukuri mu bihugu bya Afurika yo mu majyepfo, rwiroha mu Nyanja ya Atalatika.**

## 6. Uruzi rwa Sénégal

**Uruzi rwa Sénégal rufite uburebure bwa Km 1 790 n'ubuso bwa Km $^2$ 337 000, ni uruzi rufite isoko mu gihugu cya Guinée, rukanyura mu bihugu birimo Mali, Mauritanie na Sénégal.**

**Uruzi rwa Senegal ni kimwe mu byibanze bitanga ubuzima muri Afurika y'amajyaruguru kubera rufite ifumbire nyinshi bigatuma abantu bahinga mu kibaya cyarwo. Ni uruzi rukora urugabano rw'igihugu cya Mali na Mauritanie.**

## 7. Uruzi rwa Limpopo

**Urwo ruzi runyura muri Afurika y'amajyepfo rufite uburebure bwa Km 1700 n'ubuso bwa Km$^2$ 413 000, rufite isoko mu misozi ifite ubutumburuke bwa metero 1 800, runyura muri Botswana, Zimbabwe, Mozambique na Afurika y'epfo. Uruzi rwa Limpopo rwiroha mu Nyanja y'ubuhinde.**

## 8. Uruzi rwa Okavango

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 1600, butuma ruza mu nzuzi ndende za Afurika, ubuso bwa Km$^2$ 721 200, runyura mu bihugu birimo Angola, Namibie na Botswana.**

## 9. Uruzi rwa Volta

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 1346, rugizwe n'inzirohero eshatu arizo;Volta Blanche ituruka mu karere ka Ouahigouya, Volta Rouge na Volta Noire ituruka mu karere ka Banfora. Ni uruzi runyura mu bihugu birimo; Burkina Faso, Ghana, Côte d'Ivoire, rwiroha mu kigobe cya Guinée rukajya mu Nyanja ya Atalatika.**

## 10. Uruzi rwa Ogoue

**Uruzi rufite uburebure bwa Km 1200,ni uruzi ruva mu gihugu cya Gabon, rukiroha mu Nyanja ya Atalatika**

## 11. Uruzi rwa Gambie

**Ku burebure bwa Km 1130, uruzi rwa Gambie rufite isoko mu gihugu cya Guinée, rukanyura muri Sénégal na Gambie, ni muri Gambie uruzi rurangirira rwiroha mu Nyanja ya Atalatika.**

***Ifoto y'uruzi rwa Niger mu mujyi wa Niamey (Niger).***

# English Page: 5 things to know about Nairobi



Nairobi is buzzing capital of Kenya with 696 Km$^2$ of Area.

### 1. A Fast-Growing African Metropolis

Nairobi is one of **Africa's most dynamic and cosmopolitan cities**. It's a hub for business, tech (home of "Silicon Savannah"), international organizations (like the UN), and a fast-evolving cultural scene.

### 2.The Only Capital City with a National Park



Just 15-20 minutes from downtown, you'll find **Nairobi National Park** — a full-on wildlife experience right next to skyscrapers. Think lions, giraffes, rhinos, and zebras with the city skyline in the background. Pretty surreal.

### 3.Shopping, Food & Nightlife

From **vibrant markets** like Maasai Market (for crafts, fabrics, jewelry) to upscale malls like **Sarit Centre** or **Village Market**, there's something for every taste.

### 4.Cultural & Historical Sites

- **Karen Blixen Museum** – home of the *Out of Africa* author.
- **Nairobi National Museum** – for Kenyan history, art, and paleontology.

**Bomas of Kenya** – showcasing traditional dances and homesteads from Kenya's diverse cultures.

### 5.Animal Encounters Beyond the Park

- **David Sheldrick Wildlife Trust** – adorable baby elephants being cared for before being rewilded.
- **Giraffe Centre** – feed endangered Rothschild giraffes face-to-face.

**Nairobi Safari Walk** – a family-friendly way to learn about Kenya's wildlife in a semi-natural setting.

# Page en *Français* : Botswana et ses sites inscrits au patrimoine Mondial de l'unesco

Il ya deux sites classes dans les categories culturel et naturel.



## 1.Delta de l'Okavango (inscrit en 2014 – patrimoine naturel)

Un des plus grands deltas intérieurs du monde, formé par les eaux du fleuve Okavango qui ne se jettent pas dans la mer, mais s'évaporent dans le sable du désert du Kalahari.

- Riche biodiversité : éléphants, lions, hippopotames, crocodiles, oiseaux rares…
- L'un des meilleurs endroits pour des **safaris en mokoro** (pirogue traditionnelle).

Site d'importance mondiale pour la conservation.

## 2.Tsodilo Hills (inscrit en 2001 – patrimoine culturel)

Connues comme les **"Louvre du désert"**, ces collines isolées dans le nord-ouest du Botswana abritent **plus de 4 500 peintures rupestres**, certaines vieilles de plus de 20 000 ans.



- Site sacré pour les populations San (Bushmen).
- Témoignage impressionnant de **spiritualité et de vie préhistorique** en Afrique australe.

Une atmosphère mystique et des paysages étonnants.

# Ibisubizo 15

## Ibisubizo 15 bya Habiyambere Egide

Habiyambere Egide ni umusore w'umunyarwanda wize Computer & Electronics, wihangiye imirimo y'ubutekinisiye mubyo yize. Egide atuye mu murenge wa Nyamirambo akaba akunda kumenya ahantu hatandukanye.

**1.Ni hehe watembereye mu Rwanda ?**

Natembereye I Nyanza ku kanyaru mu ntara y'amajyepfo.




**2.Ni uwuhe muntu cyangwa ikintu mu mateka y'u Rwanda ukunda cyangwa uzirikana?**

Mu mateka y'u Rwanda nzirikana jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994.

**3.Ni hehe uheruka gutemberera cyangwa kugera mu Rwanda?**

Mperuka gutemberera ku I Rebero muri Juru Park

**4.Ni ayahe mafunguro ya Kinyarwanda ukunda?**

Mu mafunguro ya Kinyarwanda nkunda ibijumba, imyumbati n'ibishyimbo.

**5.Ni ikihe kinyobwa cya Kinyarwanda ukunda?**

**Nkunda kunywa Umutobe .**

**6.Ni iki witwaza iyo utembereye cyangwa uri mu rugendo?**

Nkunda kwitwaza Ecouteur na Telephone.

**7.Ni irihe torero ribyina Kinyarwanda ukunda?**

Nkunda Itorero ry'Inganzo Ngari.

**8.Ni hehe mu Rwanda watembereye cyangwa wageze ukumva urahakunze?**

Ku kiraro cya Nyabarongo cyo ku Mugendo, gihuza Kigali na Bugesera.

**9.Ujya mu ntara z'u Rwanda, ni ikihe kigo gitwara abagenzi ukunda?Kubera iki?**

Nkunda RITCO

**10.Ni uwuhe muhanzi, umwanditsi, umunyabugeni w'umunyarwanda ukunda? N'igihangano cye ukunda?**

Nakundaga Jay Poly nka kunda indirimbo Umupfumu Uzwi na Rusumba Nzika.

**11.Uwaguhitishamo ahantu ho gutura mu Rwanda, Wahitamo hehe? Kubera iki?**

Nahitamo gutura ku I Rebero, ni hafi y'umujyi kandi ku musozi.

**12.Ni irihe serukiramuco ukunda mu Rwanda?**

Nkunda iserukiramuco ry'urwenya rya Kigali International Comedy Festival..

**13.Ni ikihe gihugu cya Afurika wifuza kuba watemeramo? Kubera iki?**

Somalia, kubera ari igihugu kimaze igihe mu ntambara, nshaka kureba ukuntu kimeze.

**14.Ni hehe hafite amateka mu Rwanda wifuza kugera?**

**Nifuza kugera mu Rukali I Nyanza hafite amateka y'abami.**

**15.Ni hehe uteganya gutembera muri uyu mwaka wa 2021?**

**Ndateganya kujya gutembera muri La Palice I Bugesera .**

**Murakoze**

**Murakoze na mwe.**

# Kwiga indimi




| Ikinyarwanda | Francais |
|---|---|
| Kwandika | Ecrire |
| Gusoma | Lire |
| Gutegereza | Attendre |
| Kureba | Regarder |
| Kwambara | Se Porter |
| Kuryama | Dormir |
| Gutura | Habiter |
| Kunywa | Boire |
| Kubyuka | Se réveiller |
| Kwiruka | Courir |
| Kwicara | S'assoir |

# Inluru Idasanzwe

## Ibintu 27 ukwiriye kumenya kuri Ahoyikuye Jean paul




AHOYIKUYE Jean Paul yari umusore w'umunyarwanda, wamenyekanye akina umupira w'amaguru mu Rwanda. Ni ibintu 27 bihwanye n'imyaka yitabye Imana afite.

1.Ahoyikuye Jean Paul yavutse tariki ya 1 Mutarama 1997

2.Ababyeyi be; Papa we ni Ahoyikuye Alex na Mama we ni Uzamukunda Concilie

3.Ahoyikuye Jean Paul yari uwa gatatu mu bavandimwe ba tanu.

4.Ahoyikuye Jean Paul yavukiye mu murenge wa Nyakabanda, akarere ka Nyarugenge, umujyi wa Kigali.

5.Ahoyikuye Jean Paul, amashuri abanza yayize muri Groupe Scolaire Cyivugiza

6.Ahoyikuye Jean Paul; amashuri yisumbuye yayize  muri Groupe Scolaire Kimisange, Groupe Scolaire Akumunigo,  ayasoreza I Nyagatare.

7.Ahoyikuye Jean Paul ,Kuva mu buto bwe yakundaga gukina umupira w'amaguru cyane.

8.Ahoyikuye Jean Paul, yatangiye akina umupira mu muhanda muri quartier (Nyakabanda), kuri Tapis Rouge Nyamirambo, Ku Mumena.

9.Ahoyikuye Jean Paul yatangiriye mu ikipe ya Kiyovu Sport

10. Ahoyikuye Jean Paul yakiniye ikipe y'igihugu yabatarengeje imyaka 20 (U20).

11. Mu mupira w'amaguru abakunzi bawo bamuzi ku izina ry'iribyiniriro rya Mukonya.

12. Ahoyikuye Jean Paul yasoreje mu ikipe ya AS Kigali.

13. Ahoyikuye Jean Paul yatabarutse tariki ya 6 Nyakanga 2024 aguye mu kibuga.

**14.Ahoyikuye Jean Paul yitabye Imana afite imyaka 27.**

**15. Ahoyikuye Jean Paul yatabarutse ari ingaragu.**



**16.Ahoyikuye yashyinguwe tariki ya 9 Nyakanga 2024 mu irimbi ry'I Nyamirambo.**

**17.Ahoyikuye Jean Paul yari inshuti ya bose, agasabana akizihirwa, yari umusore ukunda abantu , akagira urugwiro, akagira ishyaka mu byo akora byose, ntabwo yangaga akazi. Yakundanga indirimbo z'Imana.**

**18.Ubuhamya bwa Papa we: Ahoyikuye Jean Paul, urupfu rwawe rwarambabaje. Wari umusore ugira ishyaka ryinshi, umurava n'urukundo. Uruhukire mu mahoro.**

**19.Ubuhamya bwa Mama we: Wari umwana utiganda, ugira urugwiro ku bantu bose; abato n'abakuru. Imana igutuze aheza uruhukire mu mahoro.**

**20.Ubuhamya bwa Jay (Mwishywa we):Tonton Parrain wankunze utarambona, unsigira isura yawe! Tonton umbonye biba akarusho untoza gusenga, kandi nzabikurikiza, kwiririrwana nawe ntarungu wamburaga amahoro akabura. Tonton Parrain ubikoreye iki? Tonton mukuru ndagukunda sibyo. Ngaho isangire rurema waguhanze, agutuze aheza, nizeyeko tuzahagusanga. Sibyo Tonton Parrain.**




**21.Ubuhamya bwa Clarisse (Mushiki we): Musaza wanjye wakundaga umupira none upfuye ariwo wakinagha. Nyagasani akwakire mube. Tuzahura ku gitondo cy'umuzuko..**

**Musaza wanjye Imana yakuduhaye irakwisubije. Ishimwe ni iryayo.**

**22.Ubuhamya bwa Alexia (Mushiki we): Muvandimwe nkunda, twonse rimwe, nanze kugucura ngirango tuzabane iteka,  ariko untunguye bikomeye!**




Ibuka amabanga yose twari dufitanye, ibaze ko naje niruka nizeyeko turi bubonane tukaganira nkaza kugucyura kuko numvaga bidakomeye ariko ukarenga nunamvugishe. Bro ndababaye ariko Imana niyo ifite ijambo rya nyuma kuri twe kandi ntiyivuguruza . Turiza mu gituza cy'isumba byose.Tuzagusanga.

23.Ubuhamya bwa Wallen (Murumuna we): Umugabo w'inzozi zanjye aratsize.

Komeza kwibuka amasezerano twahanye jay.

24.Ubuhamya bwa Regis (Murumuna we): RIP my brother, ntabwo twabanye nabi, arko umugambi w'Imana urenze kure cyane ibyo twibwira. Imana ikwakire mu bayo!

Bro ibi sibyo nari niteze murakakanya.

25.Ubuhamya w'umukinnyi babyirukanye (Ndekwe):



Rest in Paradise my lovely brother,…nzibuka ya misozi twatigitanye,ya ntebe y'ishuri twicaranyeho, ya majoro twararanye,, wamber-eye umuvandimwe mwiza. Twipanga akazi kbsa!!!



Nyagasani aguhe ikicaro hafi ye muvandi.

26.Ubuhamya bwa Mubyara we, Odile: Nshuti, yanjye mubyara wanjye, twakundanaga, sinzibagirwa urukundo rwacu. Nzahora nzirikana umurava n' ishyaka byakuranze mu kuzuza inshingano zawe . Twebwe nkaba byara bawe udusigiye inimba mu mitima yacu. Tuzahora tuzirikana ineza yawe.



uruhukire mu mahoro, Imana yagukunze kuturusha!

Mukonyi Nshuti yanjye, mubyara wanjye utaryarya, umuvandimwe wukuri. Wambereye inkoramutima! Wanyeretse urukundo n'ubwitange. Uransize ariko unsigiye imbuto zawe zuzuye; kugwaneza,ugusabana na buri umwe yaba umuto cg umukuru.

Odile mwakundanaga uguhoza ku mutima.

27.Ubuhamya bw'inshuti ye, Papy: AHOYIKUYE Jean Paul wari umuntu ufite amarangamutima nkatwe twese; wariraga, wasekaga. Nagiriwe Ubuntu bwo kubana na we kuva tukiri batoya, twarutanaga umwaka umwe, twakuriye Kamabuye, twari tuziranye. Jp wari inshuti nziza, nta



shyari nakubonyeho, wari umuntu uvugisha ukuri, utagira uburyarya, wifuriza ibyiza bagenzi be. Wanshishikarije gushaka akazi mu gihe ntako nari mfite, unsaba ko twagendana buri wese afite ikintu akora. Twasangiye ku isahane imwe .  Wari umuntu ubasha gusaba imbabazi vuba, wibagirwaga vuba cyane, ugakomeza ubuzima. Ugiye hakiri kare, twari dufite byinshi twapanganga . Nizeyeko imana yagutuje iburyo bwayo. Imana iduhe gukomera,  byose ni ku bushake bw'imana.

*Numva ijwi rivugira mu ijuru riti: andika uti:<< uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu, umwuka na we aravuga ati: ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye….Ibyahishuriwe Yohani 14:13.*

## Ikeshamvugo ku mwami

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Umurambo w'umwami | Umugogo |
| Kumubyutsa | Kumubambura |
| Kumusinziriza | Kumubikira |
| Kugenda | Kurambagira |
| Kurya | Kurora |
| Gupfa | Gutanga |
| Uburiri bw'umwami | Igisasiro |
| Inzu y'umwami | Ingoro |
| Abana b'umwami | Ibikomangoma |
| Kujya ku ngoma | Kwima ingoma |
| Kubyuka | Kwibambura |
| Kuryama | Kwibikira |
| Kurwara | Kuberama |
| Kwicara | Guteka |
| Intebe y'umwami | Inteko |
| Ingobyi ye | Ikitabashwa |
| Aho aramirizwa | Ijabiro |
| Kumuha ikuzo | Kumuramya |
| Kujya ku musarane | Gutwikira ibirenge |
| Kujya gushaka akazi ku mwami | Gushaka ubuhake |

# WARUZIKO? Saviez Vous? Did you know?

**Lucky Dube**, un célèbre chanteur sud-africain de reggae, est décédé le **18 octobre 2007**

Mu Rwanda,

habaho akarere ka Gatsibo mu ntara y'uburasirazuba n'Akarere ka Rutsiro mu ntara y'Uburengerazuba.

Asmara, the capital city of Eritrea, was designated a UNESCO World Heritage Site in July 2017

# INSIGAMIGANI




## U Rwanda ruratera ntiruterwa

***Abantu benshi bakunda guca imigani miremire,iy'imigenurano ndetse n'Insigamigani,abandi bakibaza inkomoko yayo, bikababera urujijo ,aha twarabakoreye ubushakashatsi bw'igihe kirekire bw'Inkomoko y'iyo Migani ikoreshwa ahantu henshi hatandukanye.Umugani tugiye gusesengura imvano yawo ni ugira uti: "U Rwanda ruratera ntiruterwa "***

**Uwo Mugani ufite inkomoko k'Umwami CYILIMA II RUJUGIRA wategetse ahasaga mu w '1675 kugeza mu w'1708.Uwo Mwami amaze kwima Ingoma ya Se Yuhi III Mazimpaka, ku Ngoma ye yahuye n'urugamba rukomeye, u Burundi, u Bugesera, i Gisaka n'i Ndorwa, byibumbiye hamwe ngo byagirize u Rwanda, rwari urugamba rukomeye cyane, kuko byose byari ibihugu by'Abaturanyi b'u Rwanda birutaye hagati. Dore uko ibitero byo ku Ngoma ye byagenze ,aribyo byabaye imvano y'uwo mugani.**

**Cyilima Rujugira yarwanye intambara itoroshye yahuruje, u Burundi, u Bugesera, n'i Gisaka cy'Abazirankende arayitsinda ,mu gutsinda urwo rugamba, byamuteye akanyabugabo ko kurushaho kwiha intego yo gutsinda i Ngoma y'i Ndorwa y'Abashambo yari iherereye mu majyaruguru y'u Rwanda. Igihugu cyo mu Ndorwa cyari icy 'Abashambo bakomokaga kuri Mushambo wa Kanyandorwa I Sabugabo.Babarizwaga muri Komini Giti, Rutare, Muhura, Muvumba ho muri Byumba.Ni ukuvuga ayo makomini n'uduce tw'Umutara twose turi mu majyaruguru y' u Rwanda kugeza ku mupaka warwo n'igihugu cy' Ubugande.(ubu ni mu Turere twa Gatsibo na Nyagatare) Babarizawaga na none muri Komini Kivuye ,Cyumba ,Cyungo ho muri Byumba (Ubu ni mu Karere ka Gicumbi).**

**Kubera urugamba yari amaze gutsinda rukomeye rw'ibyo bihugu (u Burundi,Gisaka n'u Bugesera), yahise yohereza umuhungu we w'Igikomangoma NDABARASA gutera Ndorwa .Ndabarasa ntiyatindiganyije aba acuze inkumbi MUSHAMBO GAHAYA I MUZORA umwami w' I Ndorwa.Icyo gihe bigarurira ingabe yabo MURORWA.Ubwami bwa Ndorwa butangira kuyoboka u Rwanda n'impugu zayo zirimo Mpororo (ho mu Bugande), Umutara n'Umubari, Abashambo baho baba isanga n'ingoyi n'Abanyiginya b'I Gasabo.Ingoma Ndorwa izima ityo. Icyo gihe yifashishije Rubanda ,yashoboye kwanamiza urwo rugamba maze ahigika u Burundi , atsinda i Gisaka n'u Bugesera n'I Ndorwa.**

Kubera icyo gikorwa k'ikirenga yakoze cyo kurwanya Ibihugu bine bikomeye akabitsinda kandi byari bitereye rimwe,niho kuvuga yihanukiriye agira ati « u Rwanda ruratera ntiruterwa ».Bishaka kuvuga :"Uteye u Rwanda ruramutsinda,ashatse yajya abyihorera".

Ku Ngoma ya Cyilima Rujugira, nuko u Bugesera bwongeye gutera u Rwanda ahasaga mu w'1708, Intambara irarema , urugamba rurakomera .Rujugira Ingabo z'u Bugesera zimukubita umwambi yambuka Kigali ya Bwanacyambwe ,agwa I NTORA( hariya hubatse isoko ry 'imbaho ku Gisozi,ubu hasigaye hitwa ku Gisozi n'ubundi ),arimo azamuka ajya mu rugo rwe rwari ruhubatse (ahari ikibanza cya Perezida Paul Kagame ).Nubwo urwo rugamba rwabaye injyanamuntu rugatuma n'Umwami atanga, Ingabo z'u Rwanda zararutsinze.Icyo gihe ingabo z'u Bugesera barazihashya bazambutsa Nyabarongoko, kuko Ndabarasa Umuhungu wa Rujugira yari amenyereye imirwano byo mu rwego rwo hejuru.Kubera ko Ingabo z'u Rwanda zatsinze urwo rugamba biziruhije cyane, byatumye zidakomeza gukurikirana Ingabo z'u Bugesera zimaze kwambuka Nyabarongo barazihorera, muri icyo kibariro ntabwo u Bugesera bwongeye kwigerezaho ngo butere u Rwanda.Nuko Rujugira amaze gutanga ,asimburwa ku Ngoma n'Umuhungu we Ndabarasa wafashe izina ry'u Bwami rya Kigeli III,wategetse ahasaga mu w'1708 kugeza mu w'1741.

## SAKWE SAKWE-

## 1.Mugongo mugari umpekere abana

## Soma: Urutara

## 2.Iri waribona hehe?

## Soma: Ubukumi bwa so na nyoko

## 3.Abakobwa ba Ruhinda baturutse ikuzimu bambaye inyoga

## Soma: Insina

# IMIKINO-JEUX-GAMES

- Agura ubwenge bwawe umenya ibyiza imijyi n'ibirunga by'u Rwanda,
- Koresha ikaramu uhuza.
- Wakina wenyine, Inshuti /Abavandimwe/Abakozi/ Abanyeshuri (Mu  matsinda)
- Guhitamo amatsinda abiri (A na B), bakabazanya,  utsinze agakomeza kubaza, utsizwe akareka irindi tsinda rikabaza. Nyuma bagateranya amanota hakaboneka abatsinze.

## Vumbura Imijyi y'u Rwanda. Find the Rwanda's Cities

## Trouver les villes du Rwanda

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| N | C | T | Y | R | T | T | U | J | H |
| Y | A | F | H | Q | G | H | H | H | U |
| A | B | D | E | E | S | S | R | X | Y |
| N | I | D | K | I | G | A | L | I | E |
| Z | J | U | G | U | R | Y | V | I | J |
| A | L | Y | Y | N | G | R | H | O | J |
| B | O | V | Y | R | U | S | I | Z | I |
| B | T | V | X | T | Q | Q | M | V | V |
| U | C | F | G | F | S | S | U | X | X |
| M | U | S | A | N | Z | E | H | I | O |
| Z | Z | G | K | F | F | Y | A | V | V |
| V | V | P | P | V | B | B | N | C | C |
| D | A | R | W | Q | H | M | G | V | V |
| R | W | A | N | D | A | A | A | T | V |
| J | J | X | X | X | O | O | I | I | T |


## Vumbura ibirunga by'u Rwanda/Find the Rwanda's Volcanoes

## Trouver les volcans du Rwanda.

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| N | C | T | Y | R | T | T | U | J | H |
| Y | A | F | H | Q | G | H | H | H | U |
| K | A | R | I | S | I | M | B | I | F |
| N | I | D | K | I | G | A | L | I | E |
| B | J | U | G | A | H | I | N | G | A |
| I | L | Y | M | N | G | R | H | O | J |
| S | O | V | U | R | U | S | I | Z | I |
| O | T | V | H | T | Q | Q | M | V | V |
| K | C | F | A | F | S | S | U | X | X |
| E | U | S | B | N | Z | E | H | I | O |
| Z | Z | G | U | F | F | Y | A | V | V |
| V | V | P | R | V | B | B | N | C | C |
| D | A | R | A | Q | H | M | G | V | V |
| R | W | A | N | D | A | A | A | T | V |
| J | J | S | A | B | Y | I | N | Y | O |

# AMAFOTO-Photos


























40
KM

















# INKURU Z'IBIRORI

## 2024, MTN Iwacu Muzika Festival




Kuva tariki 31 Kanama kugeza tariki 19 Ukwakira 2024, abakunzi b'umuziki hirya no hino mu Gihugu bari mu buryohe bw'ibi bitaramo bitegurwa na Sosiyete ya East African Promoters n'abafatanyabikorwa bayo barimo MTN Rwanda na Primus kuri iyi nshuro byazengurutse imijyi umunani.

Abahanzi barindwi bari mu bayoboye umuziki w'u Rwanda, barimo **Bruce Melodie, Bwiza, Danny Nanone , Kenny Sol, Bushali, Chriss Eazy na Ruti Joël,** bazenguruka Igihugu basusurutsa Abanyarwanda mu bitaramo ngarukamwaka bya MTN Iwacu Muzika Festival 2024.



Muri rusange ibi bitaramo byanyuze i **Musanze, Gicumbi, Nyagatare, Ngoma, Bugesera, Huye, Rusizi na Rubavu.** Abahanzi baririmbaga bakanacuranga umuziki mu buryo bw'umwimerere, ibizwi nka 'Live'.

Ibitaramo bya MTN Iwacu Muzika Festival 2024, byagiye bibanzirizwa n'ibikorwa bihuza abahanzi n'abaturage birimo siporo yagiye ikorwa nijoro, umuganda ndetse no gusura ibikorwa birimo nk'Ikigo 'Ubumwe Community Center cyita ku bafite ubumuga bo mu Karere ka Rubavu.

By'umwihariko muri iki kigo, aba bahanzi bagize umwanya wo gusabana n'abafite ubumuga ndetse banaganira na bo ndetse babagenera n'inkunga y'ibikoresho birimo amagare y'abafite ubumuga, imbago ndetse n'ibiribwa.

Ibikorwa nk'ibi, ubuyobozi bwa EAP, bwagiye busobanura ko byakorwaga hagamijwe guhuza abahanzi n'abaturage ariko no kugira uruhare mu iterambere ry'abo bakunzi b'umuziki.

MTN Iwacu Muzika Festival uretse kuba bibahuza n'abakunzi b'umuziki wabo by'umwihariko aba bari kure ariko binababafasha mu kwiga amasomo no kunguka ubunararibonye.

**Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamuco? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.**

**Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka, ubukerarugendo n'imirage by'u Rwanda na Afurika.**

**Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;**

**Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,**

**Ukwakira-Ukuboza.**

**Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,**

**by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.**

**Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!**

**Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye; ikinyarwanda, igifaransa , icyongereza. n'igiswahili.**

**Soma Igicumbi Magazine kuri:**

**www.igicumbi.com**

**Twandikire/Contactons-Nous/Contact us:**

**Email: umuragewacugroup@gmail.com**

**Tel +250796512151**

@umuragewacu

@umuragewacugroup

@umuragewacu